

## **Uwiyise Pacifique Munezero yasobanuye bumwe mu buryo bukoreshwa mu kuneke rubanda**

<http://www.igihe.com/twinigure/ubibona-ute/article/ukubita-imbeba-ntabarira-ihaka>

Aba bose ntawe uri hejuru y'amategeko

Yanditswe na Pacifique Munezero

Kuya 11 Nzeri 2017 saa 11:17

Abajyaga bibaza impamvu abanyarwanda bamwe baburirwa irengero, abandi bagatoragurwa muri ruhurura bapfuye, abandi bakagwa mu mazu yabo banizwe, abandi bakazira impanuka z'imodoka zidasobanutse, abandi bagatabwa mu migezi no mu biyaga, mwakwisomera iyo nyandiko haruguru (kanda kuri link).

Gusoma ibinyamakuru byandikwa n'abatavuga rumwe n'ubwami bwa Paul Kagame, guhamagara umuntu uba hanze y'u Rwanda ukoresheje telephone, kwandikirana email n'umuntu uba hanze y'u Rwanda bizwi ko atari umufatanyabikorwa na Paul Kagame, kutaririmba izina rya Paul Kagame ko ari indashyikirwa isumba abandi banyarwanda, kutavuga ko Paul Kagame atariho u Rwanda rutabaho, kutavuga ko Paul Kagame ari we wazanye ibyiza byose u Rwanda rufite, kutemera ko Paul Kagame ari we wenyine ukwiriye kuyobora Abanyarwanda igihe cyose yaba akiraho, gutinyuka kuvuga ibitagenda bikorwa n'abakozi ba Paul Kagame, kwerekana ubushobozi ndashyikirwa mu kazi ushinzwe, ngibyo bimwe mu byaha ndengakamere ugomba kuzira.

Uburyo bukoreshwa nk'uko uwiyise Munezero yabisobanuye, ni ukubuza ubwinyagamburiro abantu ubatera icyugazi n'icyumvirizo aho bakoraniye hose nko mu tubari dutandukanye (bars, nightclubs), mu nsengeri z'amadini yose, mu mashuri y'ingeri zose, mu budehe mu cyaro aho abaturage baba bakoranye bahingira umwe muri bo, mu kiriyo aho ababuze ababo baba bakoraniye, mu ruriro (restaurant), mu bitaramo by'imiziki (show, concerts), mu nama zitandukanye zihuriramo abantu b'ingeri zose (conference, seminar, workshop) n'ahandi n'ahandi. Aha hose abagiye bajyayo bakitegerezza ibihabera babonye ko iyo udacecetse udataha amahoro.

Ese hazarokoka nde? Ni uwahisemo kwicecekera ngo adakoma rutenderi akaba aka wa mugani ngo ubuze uko agira agwa neza, ngo imfura ishinjagira ishira? Ni uwahisemo se gukoma yombi, akaba aka wa mugani ngo uko zivuze niko zitambirwa kugira ngo agaragare neza ko yifatanyije n'umwami uganje Nyagasani Paul Kagame? Ni uwahisemo se gutema ikirere atareba inyuma akajya kwiyugamira i Bwotamasimbi nk'uko bisigaye bivugwa?

Abazi kurasana igihe cyarageze ngo badutinyure. Bitari ibyo bizamera aka wa mugani ngo inkoni y'umwana ishira dondi dondi!

Umusomyi wa Rwandinfo de Kanyamibwa n'igihe.com

Itariki ya 12 Nzeri 2017